

<http://www.umuvugizi.com/?p=4968>

## Ni ibihe bigwi Leta ya Kagame isize mu mwaka wa 2011 ?



Abanyarwanda bemezako badateze kwibagirwa ibigwi byaranze leta ya Kagame muri 2011 !

Nyuma y'ukugera mu mwaka wa 2012 , byatumye turebera hamwe ibigwi Leta ya Kagame isigiye abanyarwanda muri 2011.

Abo twavuganye hafi ya bose bemeza ko badateze kwibagirwa umwaka wa 2011, dore ko watangiranye n'ibikorwa by'ishimutwa ry'abasore b'abanyarwanda, bamwe bakaba barajyanywe mu kirwa cya Iwawa, abandi baburirwa irengero.

Umwaka wa 2011 urangiye abatavuga rumwe na Kagame basiragizwa mu magereza, imanza zabo ubu zikaba zarabaye agatereranzamba.

Uyu mwaka na none ntuzibagirana mu mateka y'itangazamakuru mu Rwanda, dore ko ari bwo Leta ya Kagame yatungwaga agatoki mu kwica umunyamakuru Charles Ingabire, abanyamakuru nka Agnes Uwimana Nkusi na Saidati Mukakibibi, ibakatira imyaka itabarika y'igifungo, naho abishe umwanditsi w'Umuvugizi, Jean Leonard Rugambage, umwe agirwa umwerefite, undi bavugaga ko bakatiye igihano cy'imyaka icumi, ararekurwa.

Umwaka wa 2011 ntuzibagirana mu mateka y'u Rwanda ubwo perezida Kagame yahagararaga ku gasozi agatuka ambasaderi wa Amerika, Suzan Rice, kubera ko yamugiriye inama yo kugabanya igitugu no kunamura icumu.

Uyu mwaka na none ni bwo umwe mu bahoze ari inshuti magara ya Kagame, akaba yaranakoranye na we, Dr Rudasingwa Theogene, yamenaga amabanga ya Kagame, akemeza ku mugaragaro ko indege yari itwaye ba perezida Habyarimana na Ntaryamira w'Uburundi, yahanuwe ku mabwiriza ya perezida Kagame.

Uyu mwaka kandi usize ikimenyetso gikomeye kuri Perezida Kagame kubera ko yatangiye kugirira ubwoba abatavuga rumwe na we, ari bwo yatangiye no kurekera aho gufasha abatavuga rumwe na perezida Museveni.

Si ibyo gusa kuko uyu mwaka usize nta kinyamakuru kigenga mu Rwanda. Imbuga z'ibinyamakuru kuri Internet zose zafunzwe na maneko za Kagame, ku buryo Leta ye ari yo isigaye ihitiramo abanyarwanda

ibyo bashaka gusoma.

Mu mwaka wa 2011, ubujura bwa Leta ya Kagame bwamamaye mu mahanga ubwo ubucamanza bw'Ububiligi bwafungaga ama comptes ya Leta ya Kagame, kubera kwambura umuturage wayo.

Uyu mwaka na none ukaba usigiye abanyarwanda ubukene budasanzwe, ari na ko perezida Kagame arushaho gukira no kugura amadege, ndetse no kubaka imitamenwa y' amazu.

Umwaka wa 2011 na none usigiye Leta ya Kagame intege nkeya, dore ko ari wo mwaka abanyarwanda bigaragambije mu buryo budasanzwe, haba mu bihugu by'Uburayi cyangwa muri Amerika, bamagana igitugu cya perezida Kagame.

Johnson, Europe.